



1  
**FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION**

B.P. 2000 Kigali

Kigali ku wa 03/02/2025

Email : [ferwafa@yahoo.fr](mailto:ferwafa@yahoo.fr)

## KOMISIYO Y'AMATORA

### UBUTUMWA BUGENEWE ABANYARWANDA N'ABAKUNZI B'UMUPIRA W'AMAGURU BY'UMWIHARIKO

Tugendeye ku busabe bw'abakandida ko igihe cyo gushaka ibyangombwa cyari gito twifuzaga kubamenyesha ingengabihe ivuguruye y'amatora y'abagize Komisiyo y'ubujurire y'amatora na Komisiyo y'ubujurire itanga ibyangombwa ku makipe z'Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru mu Rwanda (FERWAF) ateganyijwe tariki 15/02/2025 ku buryo bukurikira:

N°	Igikorwa	Igihe kizatangirira	Igihe kizarangirira
1	Itangazo rimenyeshya igikorwa cy'amatora (Press release)	03/02/2025	03/02/2025
2	Kwakira amadosiye y'abiyamamaza no kuzuzura ibibura mu madosiye yatanze.	04/02/2025	06/02/2025
3	Kwiga ku madosiye y'abiyamamaje no Gutangaza Urutonde rw'Abakandida rw'agateganyo	07/02/2025	07/02/2025
4	Gutanga Ubujurire muri Komisiyo y'Amatora y'Ubujurire	08/02/2025	09/02/2025
5	Gusuzuma Ubujurire bwakiriwe no Gutangaza ibyemezo bya Komisiyo y'Amatora y'Ubujurire	10/02/2025	11/02/2025
6	Gutangaza urutonde ndakuka rw'abiyamamaza	12/02/2025	12/02/2025
7	Igikorwa cy'Amatora no gutangaza ibyayavuyemo	15/02/2025	15/02/2025
8	Gutanga raporo y'amatora no Gushyingura inyandiko.	18/02/2025	18/02/2025

*[Handwritten signature]*

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza inzego n'ibisabwa abiyamamaza:

URWEGO	IBISABWA
Komisiyo y'Ubujurire y'Amatora	a. Inyandiko isaba kwiyamamaza;
Komisiyo y'Ubujurire itanga Ibyangombwa ku makipe	b. Umwirondoro (CV) w'umuntu wese wiyamamaza c. Fotokopi z'impamyabumenyi ziriho umukono wa Noteri d. icyemezo cyo kuba warigeze gufungwa cyangwa utarafunzwe e. Fotokopi y'irangamuntu cyangwa ya pasiporo f. Kuzuzwa imbumbabibazo yerekeranye no kugenzura ubunyangamugayo (UMUGEREKA 1) g. Kuba badakora cyangwa batarakoze imirimo iyo ari yo yose muri FERWAFU, muri umwe mu banyamuryango ba FERWAFU, mu ihuriro ry'amakipe cyangwa mu ikipe ( harimo n'imwe mu masosiyete/cyangwa imiryango yayo) mu myaka ine ibanziriza manda yabo ibanza, cyangwa ngo babe bakorana cyangwa barakoranye ubucuruzi mu myaka ine ibanziriza manda yabo y'ibanze na FERWAFU, umwe mu banyamuryango bayo, ihuriro ry'amakipe cyangwa ikipe (harimo amasosiyete/imiryango yayo). "Abagize imiryango ya bugufi" bishakira kuvuga, ku byerekeranye n'abantu, uwashakanye n'uwo muntu cyangwa uwo babana mu rugo nk'umugabo n'umugore, umuvandimwe, ababyeyi, basekuru, ba se wa bo, ba nyina wabo/ba nyirasenge, abana ( harimo n'abo kwa ba mukase

REC

	<p>cyangwa abakiriwe mu muryango mu buryo bwemewe n'amategeko), abuzukuru, umukwe, umukazana, sebukwe cyangwa nyirabukwe harimo n'undi muntu uwo ari we wese haba mu buryo bw'isano ishingiyeye ku maraso cyangwa mu bundi buryo umuntu ufitanye imibanire imeze nk'iy'abafitanye isano n'umuntu aha ubufasha bwo mu rwego rw'imari.</p>
--	--

**Icyitonderwa:**

- Iyi ngengabihe yose mukaba mushobora kuyisanga no kuri website ya FERWAFWA ari yo, [www.ferwafa.rw](http://www.ferwafa.rw)
- Abifuza gutanga kandidatire bashobora kohereza dosiye zabo kuri E-mail ya FERWAFWA: [ferwafa@yahoo.fr](mailto:ferwafa@yahoo.fr).

Bikorewe i Kigali kuwa 03/02/2025

**RUGERA Jean Claude**  
**PEREZIDA WA KOMISIYO Y'AMATORA**



**UMUGEREKA 1: IMBUMBABIBAZO YEREKERANYE NO KUGENZURA UBUNYANGAMUGAYO**

Izina ry'umuryngo:	
Irindi zina:	
Aho atuye:	
Itariki n'aho yavukiye:	
Ubwenegihugu bumwe cyangwa	
Uwushyirahamwe: Umwuga:	

1. Ese hari ubwo wigeze mu buryo budasubirwaho uhamwa n'icyaha icyo ari cyo cyose kigambiriwe cyangwa n'amakosa ayo ari yo yose ajyanye no kurenga ku mabwiriza agenga imyitwarire cyangwa amabwiriza agenga imyitwarire mbonezabupfura ya FIFA, CAF cyangwa FERWAFWA?

Oya  Yego

Niba ari yego, sobanura;

2. Ese hari ubwo urwego runaka rugenga siporo rwigeze rugufatira ibihano byo mu rwego rwa disipurine cyangwa ikindi gihano cyangwa icyemezo bimeze kimwe rushingiye ku kurenga ku mabwiriza agenga imyitwarire cyangwa amabwiriza agenga imyitwarire mbonezabupfura ya FIFA, CAF cyangwa FERWAFWA?

Oya  Yego

Niba ari yego, sobanura:

3. Ese haba hari urubanza rutararangira cyangwa iperereza riri kugukorwaho byo mu rwego rw'imbonezamubano, inshinjabyaha cyangwa urwa disipurine?

Oya  Yego

Niba ari yego, sobanura:

4. Nzi neza ko ngengwa n'ingingo z'amategeko agenga disipurine n'imyitwarire za FERWAFA n'ingingo z'amategeko shingiro n'andi mategeko ngengamikorere ya FERWAFA ashobora gukemura ibibazo bijyanye n'ubunyangamugayo kandi nkurikiza izo ngingo uko byimazeyo.
5. Muri iki gihe nkora akazi gakurikira mu mupira w'amaguru:
6. Ibi bintu n'ibihe bikurikira bishobora kumbyarira amakimbirane ashingiye ku nyungu (reba by'umwihariko ingingo ya 27 igika cya 8 y'aya mategeko shingiro):
7. Ibyitonderwa n'ibyaragaye bishobora kuba ingirakamaro mu rwego rwo gusuzuma ubunyangamugayo:
8. Nzi neza kandi nemeye ko iyi mbumbabibazo ishyikirizwa abagize urwego rukwiye rwa FERWAFA
9. Nzi neza kandi nemeye ko ngomba kumenyesha urwego rukoresha isuzuma ry'ubunyangamugayo ibikorwa ibyo ari byo byose bikwiye n'ibindi bintu bizavuka nyuma yo gukora no kurangiza isuzuma ry'ubunyangamugayo
10. Nzi neza kandi nemeye ko ngomba gufatanya mu buryo bukwiye n'inzego zibishinzwe kugirango hagaragare ibimenyetso bikwiye bijyanye n'isuzuma ry'ubunyangamugayo nkorerwa. By'umwihariko, nzagaragaza inyandiko izo ari zo zose nzasabwa, amakuru cyangwa ikindi kintu icyo ari cyo cyose gifatika cyaba cyiri mu maboko yanjye. Byongeye kandi, nzatanga inyandiko,

amakuru cyangwa ikindi ikintu icyo ari cyo cyose kitari mu maboko yanjye ariko mfite ububasha bwo kubona.

11. Nzi neza kandi nemeza ko urwego rukora isuzuma ry'ubunyangamugayo rushobora gushaka amakuru ku bihano bishobora byarabayeho (reba ikibazo cya mbere n'icya kabiri hejuru) mu buryo butaziguye muri FIFA cyangwa mu rugaga rukwiye kimwe no mu zindi nzego nko mu Rukiko Nkemurampaka rwa Siporo rw'i Lausanne mu Busuwisi, cyangwa muri Komite Olempiki Mpuzamahanga. Muri urwo rwego, nkuriyeho inzego bireba inshingano zo kugira ibanga amakuru asabwa muri urwo rwego.
12. Nzi neza kandi nemeze ko urwego rukora isuzuma ry'ubunyangamugayo rushobora gushakisha andi makuru anyerekeye hakurikijwe ibivugwa mu gice cya 2 igika cya 3 cy'uyu mugereka.

---

(Ahantu n'itariki)

---

(Umukono)